**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

**UBUTUMWA BWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU ITANGIZWA RY'ICYUMWERU CYAHARIWE IBIKORWA BY'ABUNZI**

**Ruramira, Kayonza 26 Ugushyingo 2019**

Nyakubahwa Ambasaderi w'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi;

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba;

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Kayonza;

Bayobozi b'Inzego z'Ingabo na Polisi;

Bayobozi batandukanye mwitabiriye ubutumire bwacu;

Ba Nyakubahwa Bunzi mwaje muhagarariye abandi muri uyu muhango;

Baturage b'Umurenge wa Ruramira n'abo mu mirenge ituranye nawo babashije kugera hano;

Ndabasuhuje;

Imyaka isaga cumi n'ine irashize Abanyarwanda twese dufashe umugambi wo kugarura indangagaciro z'umuco nyarwanda Abakoroni bari baratwambuye, izo ndangagaciro nyinshi twari dufite zikaba zarimo no kwikemurira ibibazo mu mahoro no mu



Toll Free: 3936 Website: www.minijust.gov.rw E-mail: mjust@minijust.gov.rw : @Rwanda_Justice : Minijust Rwanda

bwumvikane. Nguko uko Gacaca yavutse twikemurira ibibazo by'ubutabera byari bitwugarije, twari tumaze kuragwa na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;

Igitekerezo cyo gushyiraho Komite z'Abunzi cyatanzwe n'Abanyarwanda, mu gihe cy'ikusanywa ry'ibitekerezo byagombaga gushyirwa mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda riza no kubyemeza, kuko babonaga ibyiza byakorwaga n'Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca, bakabona ko Abanyarwanda hari ibibazo byinshi bashobora kwikemurira bitagombye kujya mu Nkiko. Ukuri ku makimbirane n'imiterere yayo biba byabereye iyo mu midugudu no mu mirenge abanyarwanda batuyemo, biba bizwi neza n'abaturage bahatuye kurusha izindi nzego zirimo n'Inkiko, ari nayo mpamvu Abunzi bahatuye, bakemura ibibazo neza kurusha urundi rwego urwo ari rwo rwose.

Mu mibereho yacu ntitujya tubura ibyo tutumvikanaho n'abo tubana, abaturanyi n'abandi, ariko Imana yaduhaye ubwenge bwo guhitamo ikidufitiye akamaro akaba ariyo duha umwanya wacu. Umuryango winjiye mu makimbirane muzawubwirwa n'uko ugenda ukena uko abawugize bagenda bakaza umurego mu kuburana, kuko bahugira mu manza bakibagirwa imirimo ibabeshejeho. ibyo batunze babigurisha bashaka amafaranga, bakayagurisha bashaka amafaranga y'amagarama n'ayo guha abavoka, abana bakabura ubitaho bakagwingira, bakava mu ishuri, umuryango ukarangira gutyo. Izi ngaruka ntizigarukira gusa kuri uyu muryango kuko iyo bakennye batyo babera umuzigo abavandimwe, abaturanyi n'igihugu, iterambere ry'abaturage bose rigasigazwa inyuma no kwita kuri wa muryango wasubiye mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe. Dukwiye rero kujijuka, tukareka amakimbirane adafite icyo atwungura, yaba yabayeho tukayikemurira mu bwumvikane, ibibazo bikomeye bisaba inzobere mu mategeko akaba aribyo dushyikiriza inkiko.



**Toll Free: 3936 Website: www.minijust.gov.rw E-mail: mjust@minijust.gov.rw : @Rwanda_Justice : Minijust Rwanda**

Iyo dusubije amaso inyuma tukareba urugendo tumaze kugenda muri ubu buryo bwo kwikemurira amakimbirane, bidutera ishema bigatuma twumva dukwiye kubwira Abunzi bacu ko tubashimira.

Muri iki gihe tugezemo, Urwego rw'Abunzi ni kimwe mu bisobanuro by'imiyoborere myiza kuko tudashobora kuvuga ko abaturage bayobowe neza, mu gihe tutabakemuriye ibibazo bibangamiye imibanire yabo, ibyo kandi tukabikora mu buryo bwo kubumvikanisha kugira ngo dukomeze kubungabunga ubuvandimwe bafitanye, tubafashe gushyira imbere icyo bapfana kurusha icyo bapfa.

Muri iyi myaka isaga cumi n'ine, abenshi mu Bunzi baranzwe n'indangagaciro zikurikira:

- Kwanga umugayo no kudahemuka;
- Kwitanga no kwibwiriza ;
- Kutabogama no kuvugisha ukuri;
- Kwiyubaha, kuba intangarugero no kugira ibanga ry'akazi.

Iyo abenshi mu Bunzi bataza kugira izo ndangagaciro, ntitwari kugera ku musaruro twishimira none, niyo mpamvu tubashima, abateshutswe ku nshingano barahiriye nabo tukabagaya.

Icyumweru cyahariwe ibikorwa by'Abunzi twaje gutangiza none twagihaye insanganyamatsiko igira iti: ***Dushyigikire uburyo bwo gukemura amakimbirane mu mahoro, twubaka u Rwanda twifuza.*** Ni umwanya wo kubwira Abunzi ko tubashyigikiye mu bikorwa byiza bakoze kandi twizeye ko bigikomeza kuko tukibashyigikiye no muri manda izakurikiraho dore ko mu mwaka utaha wa 2020 bazaba barangije manda yabo, ariko Itegeko rikaba ribemerera gutorerwa manda zose bifuza, mu gihe bakiyumvamo imbaraga zo gukorera Igihugu;

Nsoza iri jambo rero, nongeye gusaba abanyarwanda gufatanya n'Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu gushimira Abunzi ibikorwa byiza batugezaho, tugakomeza kubashyigikira mu gihe twitegura kuzongera kubatora mu mezi make ari imbere.

Ndangije nshimira abafatanyabikorwa badufasha kubaka Urwego rw'Abunzi, haba mu kubongerera ubushobozi cyangwa se kubagenera iby'ibanze bakenera mu murimo wabo wo kunga, ngashimira by'umwihariko Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi ku bufatanye budufasha kugera kuri byinshi birimo no kuba twabashije kugenera Abunzi iki Cyumweru cyihariye dutangije ku mugaragaro uyu munsi.

Dushyigikire uburyo bwo gukemura amakimbirane mu mahoro, twubaka u Rwanda twifuza.

Murakoze



**Toll Free: 3936 Website: www.minijust.gov.rw E-mail: mjust@minijust.gov.rw : @Rwanda_Justice : Minijust Rwanda**